Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°11/2020: **Taliki: Ugushyingo 2020**

Cyasohotse kuwa 05 Ukuboza 2020

1. IRIBURIRO

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari kimeze mu kwezi k'Ugushyingo 2020, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi kw'Ukuboza 2020, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere mu kwezi k'Ugushyingo 2020 ndetse n'iziteganyijwe mu kwezi k'Ukuboza 2020.

2. INCAMAKE

- **Imvura yaguye mu Ugushyingo 2020**; ahenshi mu gihugu haguye imvura iruta impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri uku kwezi,uretse ku bupimiro bwa Byimana mu Ntara y'Amajyepfo, ku kibuga cy'Indege cya Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru no ku kibuga cy'Indege cya Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba hapimwe imvura nke ugereranyije nisanzwe ihagwa.
- **Imvura iteganyijwe mu Ukuboza 2020**; hateganyijwe imvura iringaniye mu turere twose tugize igihugu, ikigero cy'imvura iteganyijwe kiri hagati ya milimetero 60 na 250 ndetse ikazaba iri hejuru gato y'ikigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi.
- **Ingaruka zaturutse ku miterere y'ikirere ndetse n'izishobora kubaho:** Mu Ugushyingo 2020 imvura yaguye yari nyinshi ahenshi mu gihugu ugereranyije n'isanzwe igwa muri uku kwezi, bikaba byaratumye imirimo y'ubuhinzi igenda neza ahenshi mu gihugu ndetse n'amazi akaboneka. Hateganyijwe ko imvura izakomeza kuboneka mu kwezi k'Ukuboza 2020, ibi bizatuma ubuhehere bw'ubutaka, amazi ndetse n'ubwatsi bw'amatungo byiyongera.

3. Ibyaranze ukwezi k'Ugushyingo

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye n'ubushyuhe byaranze ukwezi k'Ugushyingo 2020 ndetse n'ikigereranyo cy'imvura mu gihe kirekire.

3.1 Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Ugushyingo 2020 mu buryo burambuye

Muri uku kwezi k'Ugushyingo 2020 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 92.4 na milimetero 231.3. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Rubengera ingana na milimetero 231.3. Mu Ntara

y'Iburasirazuba n'iy'Iburengerazuba niho hapimwe imvura nyinshi kurusha ahandi mu gihugu nubwo naho imvura yahabonetse yari ku kigero cyiza.

- Mu Mujyi wa Kigali ku bupimiro bwo ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali hapimwe milimetero 122.2 na milimetero 159.5 ku bupimiro bwa Gitega.
- Mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 148.2, naho ku bupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 109.7.
- Mu Ntara y'Amajyaruguru hapimwe imvura mu buryo bukurikira: Gicumbi hapimwe milimetero 143.2, Busogo hapimwe milimetero 229 na Musanze ku kibuga cy'indege hapimwe milimetero 294.2.
- Mu Ntara y'Iburengerazuba ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Rusizi hapimwe milimetero 208.9, Rubavu ku kibuga cy'indege hapimwe milimetero 92.4, Rubengera hapimwe milimetero 231.3 naho ku bupimiro bwa Bugarama hapimwe milimetero 176.1.
- Mu Ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 197.2, imvura ingana na milimetero 222.6 yapimwe ku bupimiro bwa Ngoma-Kazo, naho ku bupimiro bwa Kawangire hapimwa imvura ingana na milimetero 202.5.

3.2 Igiteranyo cy'imvura yaguye n'isanzwe mu gihe kirekire ku bupimiro butandukanye (muri mm)

Ubupimiro	Ugushyingo 2020	Ugushyingo
Kigali Aero	122.2	117.5
Gitega	159.5	128.1
Nyamagabe	148.2	141.5
Byimana	109.7	133.1
Gicumbi	143.2	133.1
Busogo	229	176.7
Musanze Aero	92.4	157.1
Kamembe Aero	208.9	171.0
Rubavu Aero	92.4	133.6
Bugarama	176.1	147.0
Rubengera	231.3	139.3
Ngoma-Kazo	222.6	124.8
Kawangire	202.5	122.4
Nyagatare	197.2	90.4



Imbonerahamwe ya 1 n'Ishusho ya 1;biragaragaza ikigeranyo cy'imvura yaguye mu Ugushyingo 2020 n'isanzwe igwa mu myaka myinshi

Ikarita zikurikira hasi (**1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ugushyingo 2020 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi mu gihe cy'imyaka myinshi.



Ikarita ya 1: Imvura yaguye (mm) mu Ugushyingo 2020



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa (mm) mu Ugushyingo

3.3 Ubusesenguzi ku bushyuhe Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya dogere Selisiyusi 20.3 (^{0}C) ku bupimiro bwa Gicumbi mu Ntara y'Amajyaruguru na dogere selisiyusi 29.9(^{0}C) zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi mu Ntara y'Iburengerazuba. Naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya 11.3^{0}C Busogo na 18.7^{0}C Bugarama. Igice cy'Amajyaruguru ndetse n'icy'Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburengerazuba, Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).



Ikarita ya 3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru



Ikarita ya 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

4. Ubuhehere bw'ubutaka

Biragaragara ko ubuhehere bw'ubutaka bwiyongereye mu kwezi ku Ugushyingo biturutse ku bihe by'imvura byaranze iminsi myinshi y'uku kwezi ku Ugushyingo 2020 ugereranyije n'ibyaranze ukwezi k'Ukwakira. Ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kuba bwiza bitewe n'imvura ndetse n'ibicu byiganje biteganyijwe mu kwezi k' Ukuboza 2020.

5. Iteganyagihe ry' ukwezi k'Ukuboza 2020



Ikarita 5 : Ingano y'imvura iteganyijwe mu Ukuboza 2020

Mu kwezi k'Ukuboza 2020, mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 250 ikaba iri ku kigero cy'impuzandengo cy'imvura isanzwe igwa mu Kuboza henshi mu gihugu uretse igice gito cyo mu ishyamba rya Nyungwe gihereye mu turere twa Rusizi, Nyamasheke, Nyaruguru na Nyamagabe izaba iri hejuru gato y'imvura isanzwe ihagwa mu Ukuboza. Ibisobanuro birambuye ku mvura iteganyijwe buri hantu:

Intara y'Iburengerazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 140 na 250. Igice cy'Akarere ka Rusizi gihereye mu ishyamba rya Nyungwe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 200 na 250. Mu karere ka Ngororero no mu burasirazuba bwa Karongi na Rutsiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 140 na 160 naho ahandi hasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 160 na 200.

Intara y'Amajyaruguru: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 200. Mu turere twa Musanze, Burera, igice cy'amajyaruguru ya Rulindo n'aya Gakenke ndetse n'amajyaruguru y'iburengerazuba bwa Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 180 na 200. Amajyepfo ya Rulindo, Gakenke na Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 140, mugihe ahandi hasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 140 na 180.

Intara y'Amajyepfo: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 250. Imvura iri hagati ya milimetero 180 na 250 iteganyijwe mu gice cy'ishyamba rya Nyungwe gihereye mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru ndetse no mu nkengero zaryo. Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120 iteganyijwe mu karere ka Kamonyi no mu burasirazuba bwa Nyanza, Ruhango na Gisagara. Ahandi hasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 120 na 180.

Umujyi wa Kigali: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 120. Mu burasirazuba bw'akarere ka Gasabo na Kicukiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80, mu karere ka Nyarugenge n'igice cyo hagati cya Gasabo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100 mugihe mu majyaruguru ya Gasabo hateganyijwe imvura iri hagati ya mm 100 na 120.
Intara y'Iburasirazuba: Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 140 niyo ihateganyijwe. Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 140 mu burengerazuba bw'uturere twa Nyagatre na Gatsibo no mu majyepfo y'uturere twa Kirehe, Ngoma na Bugesera. Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80 iteganyijwe mu gice kinini cyo hagati n'amajyaruguru y'akarere ka Kayonza, mu majyaruguru y'Akarere ka Rwamagana no mu burasirazuba bwa Nyagatare, ahandi hasigaye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100.

6. INGARUKA KU ITERAMBERE

Aha turerekana ingaruka zatewe n'imihindagurikire y'ikirere ku iterambere ry'igihugu mu kwezi kwashize ndetse n'izishobora kubaho mu kwezi gutaha.

6.1 Ingaruka zabonetse mu kwezi k'Ugushyingo 2020

Imvura yaguye mu Ugushyingo 2020, ahenshi mu gihugu yari hejuru y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi. Imvura yari ihagije, bikaba byaratumye imirimo y'ikenera imvura yaragenze neza.

6.2 Ingaruka ziteganyijwe mu kwezi k'Ukuboza 2020

Tugendeye ko tu kiri mu gihe cy'imvura y'Umuhindo, ndetse n'iteganyagihe ry'ukwezi ku Ukuboza 2020 rikaba rigaragaza ko hateganyijwe imvura iringaniye ariko iri hejuru y'ikigero cy'imvura isanzwe igwa mu gihe cy'imyaka myinshi, ibi bizatuma umusaruro w'ibikomoka ku bihingwa no ku matungo wiyongera ndetse n'amazi yiyongere mu bice bitandukanye by'igihugu.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri nyuma y'amasaha atandatu, irisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5), iry'iminsi irindwi (7) ndetse n'iry'iminsi icumi ritangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda).